# 281: Ngiy' inkuru twumvise

1. Ngiy' inkuru twumvise;N'uko Yes' akiza! Vuga hos' iyo nkuru Yuko Yes' akiza ! Menyesh' abarimbuka,Abo mu birorero N'abo mu midugudu, Yuko Yes' akiza !

2. Menyesh' abananiwe Yuko Yes' akiza Menyesh' abashobewe Yuko Yes’ akiza!
   Yavuy' amaraso ye Kera ku Musaraba,Ngw abakize, be gupfa: Ni ko Yes’ akiza!

3. I Rukig' ubabwire Yuko Yes' akiza ! Umvish' i Bugesera Yuko Yes' akiza ! Vug' i Bunyambiriri N'i Ndorwa n'i Bumbogo,Bwira n'i Bufumbira Yuko Yes' akiza !

4. Banyarwanda, mumenye Yuko Yes' akiza ! Nimwihane, mwemere Yuko Yes' akiza ! Umvish' abacuruzi, No mu nkik' ubivuge,N’i buzungu n'i bwami, Yuko Yes' akiza !

Visit us at indirimbo.com